



Our Health  
Our Future

## ITANGAZO RYIHUTIRWA RIGENEWE ITANGAZAMAKURU

Ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara butangirana n'ukwezi k'Ugushyingo 2016

Hashingiwe ku Itegeko N°003/2016 ryo kuwa 30/03/2016 rishyiraho rikanagena imitunganyirize y'Ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara, ryasohotse mu Igazeti ya Leta n° Sipesiyali yo kuwa 20/04/2016;

Hashingiwe kandi ku Iteka rya Minisitiri N°007/16/10/TC ryo kuwa 28/10/2016 ryerekeye ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara, ryasohotse mu Igazeti ya Leta yo kuwa 31/10/2016;

Ikigo cy'Ubwiteganyirize mu Rwanda, RSSB, kiratangaza ko hashyizweho Ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara kugira ngo bugoboke umukozi w'umugore wafashe ikiruhuko ku mpanvu zo gutwita, kubyara no kugira ngo abashe kwita k'Umwana wavutse.

Ubwo bwishingizi bwatangiranye n'uku kwezi k'Ugushyingo 2016.

Hashingiwe ku Itegeko ryavuzwe haruguru mu ngingo yaryo ya 9 igira iti: "Umukoresha amenyekanisha akanatanga umusanzu yakusanyije buri kwezi mu Buyobozi bw'Ubwiteganyirize bitarenze itariki ya cumi na gatanu (15) z'ukwezi gukurikira ukwishyurirwa umusanzu"; itariki ya nyuma yo kwishyura imisanzu y'ukwezi k'Ugushyingo ni iya 15 Ukuboza 2016.

RSSB ikaba iboneyeho gusaba abakoresha bese bakorera mu Rwanda kubahiriza itegeko, bityo bakirinda ingaruka zaterwa no gutinda kumenyekanisha no gutanga imisanzu.

Ubwishingizi bw'ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara ni ishami rishya ry'ubwiteganyirize ryashyizwemo imbaraga na Guverinoma y'u Rwanda mu rwego rwo guha umugore n'umwana ubushobozi bwo gutora intege zihagije n'ubwo gukurirwaho imbogamizi zose umubyeyi ahura nazo muguteza imbere igihugu.

